Urakoze cyane kwemera kwitabira ubu bushakashatsi. Turaguha amakuru ajyanye nubu bushakashatsi.

Intego yubu bushakashatsi ni ugusuzuma uruhari rwa Sociotherapy ku guha agaciro abagenerwabikorwa bahuye n'ingaruka za Jenoside mu Rwanda. Abantu Igihumbi na magana abiri baturutse mu uturere icumi nibo bazitabira ubushakashatsi. Niba wemeye kugira uruhare muri ubu bushakashatsi, tuzakubaza ibibazo byinshi bijyanye n'ubuzima bwawe bwa buri munsi ku kwizerana, kwiyitaho, kubahana, umutekano, imibereho mwiza, uko inshuti na bavandimwe bakuba hafi, ibihe bikomeye wanyuzemo, ibibazo by'ubuzima bwo mu mutwe, ubwiyunge, ndetse wongeyeho n'imibanire yabagize umuryango n'abandi. Ikiganiro kiratwara iminota 45. Turakora ikiganiro nonaha hanyuma tuzaruke mugihe cyamezi ane kubabaza bwa kabiri. Ubu bushakashatsi bwitwa "a randomized controlled trial". Bisobanura ko iyo witabiriye, hari amahirwe 50% yuko uzitabira itsinda rya CBS vuba aha, ariko nanone hari amahirwe 50% yuko uzatumirwa kwinjira mumatsinda ya CBS mugihe cyizakurikiraho nyuma yikiganiro cya kabiri.

Nta ngaruka zijyanye no kwitabira ubu bushakashatsi usibye wenda bimwe bitagushimishije ushobora kumva mugihe tubajije ibibazo byubuzima bwawe bwite.

Nta ndishyi zijyanye no kwitabira ubu bushakashatsi. Ibisubizo byawe bizagira uruhare mugutezimbere gusobanukirwa ingaruka zubuvuzi bwa sociotherapy ku gaciro k'abanyarwanda. Dukurikije ibisubizo byawe, Ibizava muri ubu bushakashatsi bizifashishwa mu gushyiraho ingamba zo gukomeza gutanga serivisi ya sociotherapie kubitabiriye amahugurwa ndetse no hanze. Ibi birashobora kandi kumenyesha abafata ibyemezo mu kugeza kubantu benshi iyi serivisi ya CBS.

Uruhare muri ubu bushakashatsi ni ubushake. Ufite uburenganzira bwo kwanga kwitabira cyangwa kuva mu kiganiro igihe icyo ari cyo cyose. Iki cyemezo ntikizakugiraho ingaruka muburyo ubwo aribwo bwose; kandi ntibizakugiraho ingaruka niba witabira cyangwa utitabira itsinda rya CBS. Amakuru yose akusanyijwe kumpamvu yubu bushakashatsi azakomeza kuba ibanga kandi azagerwaho n'itsinda ry'abashakashatsi gusa. Amakuru yose azabikwa muri mudasobwa irinzwe.

Uruhushya rwo gukora ubu bushakashatsi rwakuwe mu kanama gashinzwe gusuzuma ubushakashatsi muri kaminuza yu Rwanda mu ishami ry'ubuvuzi. Niba ufite ikibazo kijyanye nubu bushakashatsi hamagara uhagarariye ubushakashsatsi (Tel 07845 75900).